

# Bene Yakobo

INTANGIRIRO IGICE CYA 37

UMUNSI UMWE, IGIHE ABAHUNGU ICUMI BA YAKOBO BARI BARAGIYE UMUKUMBI WA SE MU GIHUGU CYI KANANI, BAKOZE IKINTU KIBI.

YOZEFU, WARI UMWANA WA CUMI N'UMWE, YARATASHYE MAZE ABWIRA SE IBYO BAKURU BE BAKOZE.

WAKOZE KUBA WAGIZE  
UBUTWARI BWO KUMBWIRA  
UKO BYAGENZE.  
BIRANSHIMISHIJE RWOSE YOZE.  
DORE UMWENDA MWIZA CYANE  
NAKUDODESHEREJE.

NTIYIGEZE  
ANDODESHEREZA  
UMWENDA WIHARIYE.

NDAMWANGA!

UZI KO DATA AKUNDA  
YOZEFU KUTURUSHA!

MURABONA!

NDAMBIWE  
YOZEFU.

NYUMA YAHU, YOZEFU YAROSE INZOZI.

TWARI MU MURIMA DUHAMBIRA IMIBA Y'INGANO, MAZE MU BURYO BUTUNGURANYE UMUBA WANJYE UREGUKA UHAGARARA WEMYE.

HANYUMA IMIBA YANYU IKIKIZA UMUBA WANJYE IWIKUBITA IMBERE.

UBWU SE USHATSE KUVUGA KO UZADUTEGEKA?

ARIKO WUMVA URI IKI?

YOZEFU YAJE KUROTA IZINDI NZOZI.

... NUKO MBONA IZUBA N'UKWEZI N'INYENYERI CUMI N'IMWE BYIKUBITA IMBERE YANJYE.

IBI SINSHOBORA KUBYIHANGANIRA!

MU NZOZI ZE ZOSE ABA YUMVIKANISHA KO ARI UMUNTU UKOMEYE!

ARIKO SE YOZE, USHATSE KUVUGA KO JYEWE NA NYOKO N'ABAVANDIMWE BAWE TUZAZA TUKIKUBITA IMBERE YAWE?

BIRASHOBOKA KO HARI ICYO YEHOVA ASHAKA KUTUBWIRA BINYUZE MURI IZO NZOZI. . . .

HANYUMA . . .

YOZE, DORE BAKURU BAWE BAGIYE KURAGIRA UMUKUMBI. NONE, GENDA UBAREBE, UREBE NIBA BO N'UMUKUMBI ARI AMAHORO KANDI BAMERWE NEZA.

DATA, NITEGUYE KUJYAYO.

DORE WA MUROSI ARAJE.

NIMUZE TUMWICE TUMJUGUNYE MU RWOBO.

ARIKO SE DATA TUZAMUBWIRA NGO IKI?

TURI BUMUBWIRE KO YARIWE N'INYAMASWA Y'INKAZI.

MUMJUGUNYE MU RWOBO, ARIKO MWE KUMUGIRIRA NABI.

RUBENI WARI IMFURA YA YAKOBO ARAHAGOBOKA, MAZE ARABABWIRA ATI

SHA, IBY'INZOZI ZE BIRABA BIRANGIYE.

NTITUMWICE.

NDAZA KUMUVANAMO MUSUBIZE MU RUGO.

BAKURU BE BAHENGEREYE RUBENI ADAHARI BAGURISHA YOZEFU.

DORE ABACURUZI BAGIYE MURI EGIPUTA!

REKA TUMUGURISHE BAZAMUGIRE UMUGARAGU WABO; IBYE BIZABA BIRANGIYE!

RUBENI YASUBIYE KUREBA ABAVANDIMWE BE MAZE ABONA IBYARI BYABAYE.

UBU SE DATA NDAMUBWIRA IKI?

WA MWANA NTA WUHARI. IBI MWAKOZE NI IBIKI KOKO?

NTUGIRE IKIBAZO RUBE, TURAMUBESHYA . . .

. . . TWATORAGUYE UYU MWENDA.

NI UMWENDA WA YOZEFU. ASHOBORA KUBA YARATANYAGUWE N'INYAMASWA Y'INKAZI!

YOZEFU YARAPFUYE WE.

ARIKO YOZEFU NTIYARI YAPFUYE . . .

MU NKURU Y'UBUTAHA, UZAMENYA UKO BYAGENDEKEYE YOZEFU AGEZE MURI EGIPUTA.

**NI IRIHE SOMO TUVANA KU BAHUNGU BA YAKOBO?**

KUKI YOZEFU YAREZE BENE SE KO BAKOZE IKINTU KIBI?

IGISUBIZO: ABALEWI 5:1.

BAKURU BA YOZEFU BAMWANGIRAGA IKI KANDI SE KUKI BABESHYE SE?

IGISUBIZO: YAKOBO 3:14.

WAGOMBYE KUBYIFATAMO UTE MU GIHE UWU MUVA INDA IMWE CYANGWA INCUTI YAWE, AHawe IKINTU KANDI NAWU WAGISHAKAGA?

IGISUBIZO: ABAROMA 12:15; 1 PETERO 1:22.